REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Dr. Edouard Ngirente

Mu birori byo kwizihiza ku nshuro ya 15 Umunsi Mukuru w'Abasora ku rwego rw'Igihugu

Kigali Convention Centre, ku wa 13 Ukwakira, 2017

- **Banyakubahwa Baminisitiri,**
- **Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro,**
- **Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda,**
- **Bayobozi bo mu Nzego zitandukanye muri hano,**
- **Bashyitsi bahire, batumirwa mwese mwitabiriye ibi birori,**
- **Banyarwanda mwese,**

1. Ndabasuhuje kandi mbifurije gukomeza kunogerwa n'ibi birori ngarukamwaka, byo kwishimira ibyiza byinshi dukesha **itangwa ry'umusoro mu Rwanda.**

2. Ndifuza gutangira iri jambo mbagezaho indamukanyo n'ubutumwa bya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, ari na we naje mpagarariye. Yantumye kubabwira ko ashimira abantu bose batanga umusoro, bakawutanga neza kandi bakawutangira igihe.

3. Aributsa Abanyarwanda bose ko imisoro ifite uruhare rukomeye mu rugamba rwo kwigira no gukomeza kwiyubakira u Rwanda twifuza kandi rudukwiye, twishakamo ibisubizo. Arasaba abaturarwanda twese, kurushaho kumva ko gutanga umusoro kandi neza ari inshingano zitureba kandi tugomba kubahiriza nta we ugombye kubitwibutsa.

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

4. Nk'uko byasobanuwe neza, uyu munsi u Rwanda rurizihiza ku nshuro ya cumi na gatanu, **Umunsi Mukuru w'Abasora.** Uyu ni umwanya mwiza wo:

- Kurushaho kuzirikana akamaro k'imisoro mu iterambere rirambye ry'Igihugu cyacu;
- Gushimira by'umwihariko abasora neza;
- Gukangurira abadasora kubyitabira, no
- Gufata ingamba zo kunoza uko imisoro itangwa.

5. Nk'uko byagarutsweho, insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: ***"Umusoro Wanjye, Iterambere ryanjye, Agaciro Kanjye"***. Iyi nsanganyamatsiko iratwibutsa uruhare rwa buri wese mu kubaka Igihugu no kugiteza imbere. Ibi nibyo bizatuma turushaho kwihesha agaciro.

6. Iterambere u Rwanda rumaze kugeraho, cyane cyane kuva mu 1998 ubwo hashyirwagaho Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, riragaragarira buri wese. Nk'uko twabibonye muri "Film documentaire" tumaze kureba, ibikorwaremezo byinshi biri hirya no hino mu Gihugu nk'amashuri, amavuriro, imihanda, amazi meza, amashanyarazi tubikesha ahanini imisoro Abanyarwanda batanga.

7. Turishimira ko amafaranga Igihugu cyinjiza akomoka ku misoro akomeje kwiyongera buri mwaka. Mbahaye urugero, ku ngengo y'imari u Rwanda rwakoresheje mu 1998 yanganaga na **miliyari 173,2 FRW**, imisoro yari **miliyari 68,4 FRW zihwanye na 39,5%.** Mu 2012/2013, ku ngengo y'imari yanganaga na **miliyari 1.550,3 FRW**, imisoro yagize uruhare rwa **miliyari 651,9 FRW zihwanye na 42% FRW**. Nk'uko kandi byasobanuwe, mu **2016/2017**, imisoro yagize uruhare rungana na **56.4% naho muri uyu mwaka wa** 2017/2018, umusoro ukazagira uruhare rugera kuri **66%.**

8. N'ubwo bigaragara ko hari intambwe ishimishije imaze guterwa mu gutanga umusanzu wo kubaka Igihugu cyacu binyuze mu gutanga imisoro, turacyakeneye gutera izindi ntambwe nyinshi kugira ngo aho umusoro ukomoka harusheho kwaguka ndetse n'umubare w'abagomba gusora urusheho kwiyongera.

9. Ibyo birasaba ko twongera umuvuduko dufite mu iterambere, twunganiwe n'ingamba zifatika Leta ikomeje gushyiraho zigamije koroshya ikiguzi cy'ishoramari mu Gihugu. Zimwe muri izi ngamba ni ukurushaho kunoza uburyo bwo gukusanya amafaranga akomoka imbere mu Gihugu, kongera no gusana ibikorwaremezo, guteza imbere ibikorerwa iwacu (Made in Rwanda) turushaho kongera umusaruro w'ibicuruzwa twohereza ku isoko mpuzamahanga harimo no kubyongerera agaciro.

10. Turifuza ko mu myaka irindwi iri imbere ya manda nshya ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, tuzaba tugeze ku ntego twiyemeje yo kwigira, bityo tube twihesheje agaciro ku buryo busesuye. Ibyo birasaba ko turushaho gukora cyane, tukarushaho gufatanya, mu bikorwa bibyara inyungu kandi bitugeza ku iterambere ryihuse.

11. Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushimira cyane abagira uruhare mu gutuma imisoro itangwa neza. By'umwihariko turashimira abamaze guhabwa ibihembo mu kanya, ababiherewe mu Ntara zose z'Igihugu muri iyi minsi, ndetse n'abandi batahembwe ariko bitabira gusora uko bikwiriye. Mwarakoze kandi ntimuzasubire inyuma.

12. Tuributsa abadatanga neza imisoro ndetse n'abatayitanga guhindura imyunvire bakumva ko gutanga imisoro ari inshingano ya buri wese kandi ko bibagirira akamaro ubwabo ndetse n'Igihugu muri rusange. Dukwiye kumenya ko nta Gihugu na kimwe gishobora gutera imbere abagituye batabigizemo uruhare.

13. Mu rwego rwo korohereza abasora no kubaha serivisi nziza kandi zihuse, Guverinoma irizeza Abasora ko itazahwema kubatera inkunga kugira ngo barusheho kuzamura umusaruro w'ibyo bakora bityo n'imisoro irusheho kwiyongera. By'umwihariko, hazakomeza gutezwa imbere ikoreshwa ry'ikoranabuhanga.

14. Ndagira ngo kandi mbonereho n'umwanya wo kwizeza Abikorera ko ibyo bifuza ko Leta yabafasha, nk'uko byavuzwe mu ijambo rya Perezida w'Urugaga rw'Abikorera, bizasuzumwa vuba kandi ko hazafatwa umwanzuro ukwiye.

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

15. Mu gusoza, ndagira ngo nshimire Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro, Urwego rw'Abikorera (PSF) n'abafatanyabikorwa bose, kubera uruhare bagira mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu binyuze mu misoro n'amahoro. Ndabashimira no kuba bateguye neza ibirori by'uyu munsi. Dukomeze twese kwitabira gusora uko bikwiye maze tugire uruhare mu kwiyubakira Igihugu.

Murakoze, murakarama.